# CORONAVIRUS

## Coronavirus (COVID-19) ni iki?

Nk'uko bitangazwa n'Umuryango mpuzamahanga wita ku buzima (WHO), COVID-19 ni indwara yandura yavumbuwe vuba, ikaba ari imwe mu mavirusi menshi yitwa Coronaviruses. Ibimenyetso rusange umurwayi wayo agaragaza birimo umuriro, umunaniro n'inkorora idacika ndetse rimwe na rimwe umubiri we ukaryaryata, amazuru ye agashongonoka, akababara mu muhogo cyangwa akarwara impiswi. Abantu bamwe ntibagaragaza ibimenyetso ndetse ntibumva batameze neza.

## Ni nde wayandura?

***Ni umuntu wese.*** Abantu b'ingeri zose n'imico yose bashobora kuyandura. Virusi ishobora gukwirakwira itagaragaje ibimenyetso, bityo rero ni ngombwa kwirinda. Iyi ndwara yibasira cyane abantu bakuze n'abarwaye izindi ndwara nk'iy'umutima, diyabete, indwara zo mu myanya y'ubuhumekero n'agakoko gatera SIDA. Ababyeyi batwite na bo bagomba kugira amakenga. Abantu bayirwara mu buryo butandukanye, ku buryo ishobora kugira ubukana buke, buringaniye cyangwa bukabije. Ibimenyetso byayo bigira ubukana buke muri rusange. Umurwayi 1 kuri 5 agaragaza ibimenyetso bikabije

## Ibimenyetso byayo ni ibihe?

Buri wese si ko agaragaza ibimentetso byose, ariko ibisanzwe bigaragara cyane birimo:

**Inkorora**

**Umuriro**

**Kuryaryata k'umubiri, gusesa urumeza**

**Kubura umwuka/ Kunanirwa guhumeka**

## Ni gute nakumira ikwirakwira ryayo?

***N'ubwo waba wumva utarwaye, ushobora gukwirakwiza virusi!***
Kurikiza izi ngamba n'ubwo waba nta bimenyetso ugaragaza.

1m

*Mu mazi cyangwa ahandi hahurira abantu benshi, siga intera ya metero 1 hagati yawe na mugenzi wawe.*

*Karaba intoki n'isabune buri gihe byibura hagati y'amasegonda 40 na 60.*

*Mu gusukura, koresha umuti urimo arukoro (ingana na 70% cyangwa irenga) mu gihe isabune n'amazi bitabonetse.*

*Sukura buri gihe ahantu intoki zikunze gukora cyane nko ku mikono y'inzugi, kuri robine z'amazi, ku bikinisho by'abana n'ahandi.*

*Igihe ukoroye cyangwa witsamuye, bikorere mu gatambaro k'isuku cyangwa uhine inkokora ukingeho akaboko.*

*Irinde guhana ibiganza cyangwa guhoberana– ahubwo gerageza gupepera!*

*Gerageza kutikora mu gahanga (ku mazuru, ku munwa no ku maso).*

## Nabigenza nte numvise ndwaye?

**Tandukanya abantu bagaragaza ibimenyetso aho utuye cyangwa mu muryango mugari ubarizwamo.**

**Hamagara umukozi ushinzwe ubuzima umusabe inama n'ubufasha.**

ALIGHT